

Gakondo k'Iwacu

Iriburiro

Ikibazo cyashegeshe Igihugu cyacu n'Abagituye ni ukutamenya iwabo n'ababo. Uko umuco wa Kinyarwanda wagiye usobekerana n'indi mico, Abenegihugu bagiye bamira bunguri iby'imahanga bakirengagiza iby'iwabo, kumenya iwabo n'ababo ndetse no kumenyana ; ngo basangire basabane, byabaye ibango ryo gutatira igihango cya Gakondo ; biteye agahinda kamwe k'Umukubabibero !

Muri iyi nyandiko twise "Gakondo k'Iwacu tuzajya twibanda cyane ku Ndagagaciro z'Inkomoko ya buri bwoko zigenda zikendera ; zigateshwa agaciro cyangwa zigasimbuzwa nkana iz'ahandi aka ka gahararo gaca imbata

Tugiye kwibanda cyane cyane kuli Gakondo y'ahantu dutuye n'uko hahoze ari ibihugu byigenga. Muhawe rero ikaze ngo mutange ibitekerezo by'uko twasigasira Indagagaciro z'umuco wacu n'uko twakwagura amarembo tukakira n'iby'ahandi ariko byiza, atari ibibonetse byose.

Indangamuntu yacu nyayo ihera ku isoko, hariya kure cyane « Ibvamuntu », ni ko kumenya neza uwo uri we, iyo uva ari byo biguha iyo ujya n'abo ubana nabo n'iby'utunze ku mutima bifite isoko yabyo mu nkomoko y'Inyabutatu yateshejwe Ubusugi itaratera kabiri, umukokwe ibyaye ukaza kwokama abumva ko bakora Politike ; batabanje gucengera iremo ryayo, ngo bayitamire, bayishyire mu ijigo bayumve amajya n'amaza, ahubwo bagashimikira bashaka ishema ryabo bwite aho gushaka iry'Abanyarwanda muri rusange, ngo u Rwanda rube ruzima.

Abazima n'abazimu basabane mu Muterekero w'Indengakamere.

None wowe uzi gusoma niyo waba utabizi usomeshe ; Sesengura, maze imyumvire mizima igiye kugutaha ku mutima nawe uyituze mu mitima y'abo muturanye n'abo mu mpugu zindi kugira ngo ibe Gisaga ; isage u Rwanda rwose, ruzuke, ruzure umugara rufite Umugambi wo KUNGANA kw'Abanyarwanda, mu Rwanda ruzima rutamba IBITAMBAMBUGA, Ibikwerere n'Abakambwe bakdandagira ; u Rwanda rwimika MUNTUNKUNDI ndetse rugashyiraho n'akarusho ka MUNTUNDUNDI.

Gakondo

Iyo wumvise ijambo Gakondo, uhita utekereza Gukonda, igikoresho kikaba Inkonzo kuko umuntu yumva ko nyirumurimo ari mu ishyamba ry'inzitane. Nyirugukonda akaba Umukonde naho aho akonze hakaba Gakondo, bivuga ko aho hantu ari ahe ; akazaharaga abamukomokaho uko iminsi igenda iha indi.

Abakonde rero ni Abahinzi akaba ari nayo mpamvu bimitse Isuka yaje kwimura Inkonzo, Ubucuzi bumaze kuvumburwa n'Abahinzi.

Buri muntu yaba afite Gakondo ke kuko ari umuntu akagakomora ku Bukonde bw'abo akomokaho aribo Bakurambere be.

Reka tube duhujwe n'uru rurimi, ndaba ndetse kuruvuga izina kuko muri icyo gihe izina ryarwo rishobora kuba atari iryo rufite ubu.

Gakondo rero yagiye yaguka ndetse n'Abakonde bagenda biyongera. Uko bagenda bororoka baje guhuza Izina ni uko baritwa. Rigashobora gukomoka ku Mukurambere wabo cyangwa ku yindi sano bumva ko bahuje.

Uko bagenda **bagura** Ubwatsi bwabo baza kubugira Igihugu, barema Imihango ibaha Umwami uvuka mu Bwoko bwabo.

Muri icyo nzira rero yo gushaka kumenya abo turi bo, icyo tuva ari byo bizaduha kumenya icyo tujya, ndashingira ku gitabo cya Padiri Muzungu Bernardin cyitwa : "Histoire du Rwanda pré-colonial", ugenekereje mu kinyarwanda ukaba wavugaga " Amateka y'u Rwanda mbere y'umwaduko w'abazungu". Muri icyo gitabo cyasohotse mu mwaka wi 2003 (édition L'Harmattan), umwanditsi agaragaza imiterere yarangaga Ibihugu by'icyo gihe n'ibisanira abantu bafitanye ashingiye cyane cyane ku moko, akivugwa na n'ubu.

Amoko

Abenengwe, Abasinga, Ababanda, Abongera, Abungura, Abazigaba, Abagesera, Abagara.

Uretse rero Padiri Muzungu Bernardin reka turebe ko hari n'abandi bashakashatsi banyuze inzira nk'iya Padiri Muzungu ariko ku buryo bwabo.

Padiri Kagame Alexis mu gitabo cye yise "*Les organisations socio-familiales de l'ancien Rwanda*" cyasohotse i Bruxelles muri 1954) dusangamo amoko 15 ari yo aya:

Abega, Abasindi, Abakono, Abaha, Abagesera, Abazigaba, Abasinga, Abashambo, Abahondogo, Abacyaba, Ababanda, Abenengwe, Abongera, **Abungura, Abasita.**

Umwanditsi witwaga d'Hertefeldt we mu gitabo cye cyitwaga " Les clans du Rwanda ancien. Eléments d'ethnosociologie et d'ethnohistoire ; Musée de Tervuren, 1971." aragenda akagera ku moko cumi n'umunani ari yo : Ababanda, Abacyaba, Abega, Abenengwe, Abagesera, Abaha, Abakono, Abanyakarama, Abanyiginya, Abongera, Abashambo, Abashingo, Abasindi, Abasinga, Abasita, Abatsobe, Abungura, Abazigaba.

Reka rero turebe Amoko y'Abasangwabutaka ari nabo Bakonde aba banditsi uko ari batatu bahurizaho.

Amoko arindwi bahurizaho ni aya :

Abenengwe, Abasinga, Ababanda, Abongera, Abazigaba, Abagesera, Abacyaba.

Ndabona rero Amoko arindwi ariko Abagara Muzungu yita ubwoko nkaba numva ari inyito bakomora kuri Gakondo kabo ari yo Bugara, bakaba rero ari Abacyaba b'Abagara.

Mbaye mpagarariye kuri aya moko arindwi kugira ngo ndebe niba aza kugusha ku Bihugu Gakondo byayo.

Ibihugu Gakondo n'Ingoma z'Ubwami

Icyibanze kigomba kumenyekana ni uko buri gihugu cyayoborwaga n'Umwami w'Umukonde, akaba akomoka mu be bahuje Ubwoko, bahuriye ku Mukurambere nyiri izina ry'Ubwoko bwabo, bakaba rero bahuje Umuterekero. Turebere hamwe ibyo bihugu, Abami babyo n'Ingoma z'Ubwami, ndetse n'icyerekezo birimo ubu kuko bitigeze bitirimuka.

Ibihugu

Igihugu cya Bungwe

Bungwe ni igihugu cy'Abenengwe. Iyo ugerageje kwumva iryo zina ry'Abenengwe ari bo Bkonde b'i Bungwe, ushobora kwumva ko ari Abana b'Ingwe, Bungwe ikaba Igihugu cy'iwabo w'Ingwe. N'agatsinda Abenengwe bahuje ubwoko n'Ingwe.

Umwami wa mbere wa Bungwe washoboye kumenyekana yitwa Rwamba, abamukomokaho bakaba Abenerwamba, Abenerwamba ni inzu y'Ibikomangoma ari byo bivamo Abami.

Umwami w'i Bungwe wabaye ikirangirire cyane ni Samukende umugabo wa Nyagakecuru mu Bisi bya Huye akaba yari atuye mu mpinga ya Nyakibanda ari wo murwa mukuru wa Bungwe.

Umwami wa nyuma w'icyo gihugu ni Rubuga rwa Samukende.

Ingoma y'Ubwami y'Abenengwe ikitwa Nyamibande.

Icyerekezo

Bungwe iherereye mu Majyepfo ; yambukiranyije uruzi rw'Akanyaru. Hakurya ikaba igizwe n'intara ya Ngozi n'iya Kayanza (i Burundi), naho hakuno hakaba Busanza bw'amajyepfo, Bufundu, Nyaruguru, Buyenzi, Bashumba, Nyakare.

Ubwo tuvuye rero i Bungwe mu Majyepfo, reka twerekeze mu mu Majyaruguru mu gihugu cy'u Bugoyi bw'Abasinga.

Igihugu cy'u Bugoyi

Iyo tuvuze Igihugu cy'u Bugoyi bw'Abasinga, duhita dutekereza Abarenge bakomoka kuri Rurenge w'Umusinga. Abarenge ni inzu ibyara Ibikomangoma ari byo bivamo Abami.

Abasinga bafitanye isano na Sakabaka, ni yo Nyamaswa basangiye Ubwoko.

Umwami w'u Bugoyi wa nyuma uzwi ni Jeni ya Rurenge, agatura i Rwerere iri mu Bugoyi.

Ingoma y'Ubwami y'Abasinga ni Mpatsibihugu.

Icyerekezo

U Bugoyi bwegereye i Kivu ahagana iyo rirengerera. Umurwa mukuru w'u Bugoyi ni Rwerere.

Igihugu cy'u Bugoyi cyibumbye ibihugu byinshi ari byo: Bunyambiriri, Nyantango, Budaha, Cyingogo, Bushiru, Buhoma, Rwankeri, Bugoyi, Kanage, Bwishaza, Rusenyi.

Reka tuve i Bugoyi twigabe mu Bushiru nibucya dutahe mu Cyingogo giteganye na Nduga. Tuzahava twambuka Nyabarongo dutaha i Nduga.

Igihugu cya Nduga

Nduga y'Abasinga b'Abarenge ntizaramba kuko izigarurirwa n'Ababanda baje kubandagaza Umwami wayo. Ndabagezaho ayo Mahindura nitugera ku Nduga y'Ababanda.

Umwami wa Nduga y'Abasinga ni Kimezamiryango cya Rurenge, aha ariko tukwumva ko n'ubwo ari Igihugu cy'Abasinga b'Abarenge ntabwo iri muri Rukomatanyo y'u Bugoyi, ahubwo nayo ikomatanyije ibyayo bihugu nk'uko turibubibone.

Ingoma y'ubwami y'Abasinga bo mu Nduga sinashoboye kuyimenya. Uwandusha gucishiriza akamenya izina ryayo yanyunganira.

Icyerekezo

Nduga uyisanga Rwagati mu Bihugu ikaba ikikijwe na Nyabarongo na Mukungwa.

Nduga ibumbye ibi bihugu: Busanza bw'amajyaruguru, Kabagari, Marangara, Nduga, Mayaga, Rukoma, Ndiza.

Ariko Nduga ntiyagarukiraga aho. Mu majyaruguru yarakugenderaga ikagera: Bwishya, Jomba, Gisigari, Bwito, Gishari, Byahi, Kamuronsi (Kongo).

Tuvuye mu Nduga rwagati twambutse Nyabarongo, turangamiye Iburengerazuba kugira ngo tuzatahe mu Kinyaga; birumvikana ko Nyungwe turayihaha. Kinyaga rero na cyo ni Igihugu cy'Abasinga.

Igihugu cya Kinyaga

Ibyo nashoboye kumenya ku Gihugu cya Kinyaga birasa n'aho bituzuye. Gusa na cyo ni Igihugu cy'Abasinga b'Abarenge.

Umwami wa Kinyaga? Ingoma y'Ubwami ? Aha naho uwaba abisobanukiwe yanyunganira.

Icyerekezo

Kinyaga iherereye Iburengerazuba, inyuma y'ishyamba rya Nyungwe, ikambukiranya i Kivu ikagera i Bunyabungo, ikaza guhana imbibi n'igihugu cy'u Bugoyi, mu Rusenyi. Kinyaga igizwe n'ibi bihugu: Cyasha, Mpara, Biru, Busozo, Bukunzi; Bunyabungo (Kongo).

Tuvuye mu Kinyaga twiyuhiza Nyugwe tugana Amajyepfo. Turakikira Bungwe kugira ngo tubone uko dutaha i Burwi.

Igihugu cya Burwi

Burwi nayo ni Igihugu cy'Abasinga b'Abarenge ariko irihariye ntabwo yibumbiye hamwe n'ibindi bihugu by'Abasinga, ahubwo ibumbye ibyayo.

Umwami w'i Burwi ni Nyaruzi rwa Haramanga akaba yaratuye mu Mukindo wa Makwaza ari wo murwa mukuru wa Burwi.

Ingoma y'u Bwami bw'i Burwi?

Icyerekezo

Burwi iherereye mu Majyepfo ya Nduga ikaba ihana imbibi na Bungwe mu nkengeru z'Akanyaru. Igizwe n'ibi bihugu : Mvenjuru, Buhanga, Ndara.

Dukubutse i Bungwe bw'Abenengwe, i Bugoyi, i Nduga, mu Kinyaga n'i Burwi, mu bihugu by'Abasinga b'Abarenge, bakomoka kuri Rurenge.

Twongere rero twihine i Nduga y'Ababanda baje kuyisimburamo Abasinga! Nduga ni ya yindi ntabwo yimutse, yagumye uko yakabaye, uretse ko Ababanda bimuye Abasinga b'Abarenge ! Byagenze bite rero?

Igihugu cya Nduga y'Ababanda

Reka mbibutse ibihugu bigize Nduga : Busanza bw'amajyaruguru, Kabagari, Marangara, Nduga, Mayaga, Rukoma, Ndiza. Ariko Nduga ntiyagarukiraga aho gusa. Mu majyaruguru yarakugenderaga ikagera: Bwishya, Jomba, Gisigari, Bwito, Gishari, Byahi, Kamuronsi (Kongo).

Ababanda baje mu Nduga bava he ? Baje mu Nduga hifashe hate?

Mu moko y'Abanyarwanda nk'uko twayavuze harimo ubwoko bw'Ababanda. Aha nkaba nifuza kwunganirwa kuko ntashoboye kumenya Umukurambere w'Ababanda. Gusa nzi ko bavuga Nduga ngari ya Gisali na Kibanda! Yaba ari umuntu, haba ari ahantu?

Ababanda rero baje mu Nduga bavuye mu Bwanacyambwe. Niko umwanditse Muzungu nkomeje kwisunga abyandika.

Nduga iri Rwagati mu bihugu uko bizwi. U Bwanacyambwe rero bukaba buri mu Burasirazuba bwa Nduga.

Nduga n'u Bwanacyambwe bitandukanijwe n'Ubumbogo, n'Uburiza; hagati ya Rukoma iri mu Nduga n'Ubumbogo hakaba uruzi rwa Nyabarongo.

Noneho mu cyerekezo cy'u Bwanacyambwe uvuye mu Bumbogo unyura mu Buriza ukambuka umugezi witwa Nyabugogo maze ukitura mu Bwanacyambwe.

Ni ukuvuga rero ko Ababanda bambutse umugezi witwa Nyabugogo bakikubita mu Buriza, bagafata Bumbogo, bakambuka uruzi rwa Nyabarongo bakubita muri Rukoma kimwe mu bihugu bigize Nduga.

Basa n'abahageze basuhutse, mbese watekereza ko bose uko bari batuye mu Bwanacyambwe bakurikiye umwami wabo. Ntabwo cyari igitero.

Bageze mu Nduga igihe kibi ariko ku bw'Imana gihita gihinduka. Ni na byo byabahaye ishya muri icyo gihugu.

Muti bahageze hameze hate? Bahageze amapfa yaracanye, ibintu byaracitse ibindi byaradogereye!

Maze ba nyakugirimana b'Ababanda, umunsi bahageze Imana ibyara amavuta, imvura iragwa.

Imvura iguye Abanyanduga barahaguruka, bashaka amasororo ngo basororere umwami w'Ababanda kuko bumvaga ari we wavubye iyo mvura.

Abona baje batagira ingano maze abyuriraho kugira ngo bimugeze ku Nteko ya Nduga, ahateke abe umwami w'icyo gihugu.

Avuga yivovota ati Imana inyohereje kubura iki gihugu cyanyu cyubitswe n'uriya mwami w'inkonkobusa none murakeka ko ndi umuvubye ubonetse wese? Ahubwo dore icyo mugomba gukora. Nimugende mufate uriya mwami wanyu Kimezamiryango mumwice maze munzanire umurambo we.

Yabaye agipfa kubivuga maze Abanyanduga baba birengeje Kimezamiryango, umurambo we bawuzanira umwami w'Ababanda!

Nguko uko Ababanda bigaruriye Nduga y'Abasinga! Amapfa yacanye mu Nduga muri icyo gihe ni yo yatumye Abanyanduga bayoboka Ababanda kuko bumvaga

babagiriye akamaro gasumbye kure ako umwami wabo w'umusinga Kimezamiryango yari abafitiye.

Nk'uko twabibonye, Ababanda bavuye mu Bwanacyambwe. Baza gukonda Nduga basumbya Abasinga bo kwa Kimezamiryango. Ikintu muntu yavuga ni uko Nduga ari cyo gihugu cyagize Abakonde babiri; Abasinga n'Ababanda.

Impamvu Ababanda basuhutse bakava iwabo mu Bwanacyambwe ntabwo izwi. Ibyo birasaba UBWUNGANIZI kugira ngo tumenye neza Ababanda n'igihugu cyabo ari cyo Nduga; ndetse nibinashoboka tumenye neza uko babayeho mu Bwanacyambwe.

Ni cyo cyari igihugu cyabo? Bahageze bate? Bari bakomotse he? Bahavanywe n'iki?

Kuramba mu Nduga kwabo kwabyawe n'iki? Abasinga bahasanze bashoboye gusabana?

Iyo ugendeye ku BITEKEREZO usanga Ababanda bakomoka mu karere k'Amajyaruguru ukurikije aho bari batuye mu Bwanacyambwe. Kandi iyo usesenguye imyimukire y'abantu muri kariya karere usanga buri gihe abantu baragiye bakomoka aho nakwita Amajyaruguru!

Umwami w'umubanda uheruka ni Mashira ya Nkuba ya Sabugabo. Nkaba nifuzwa kwunganirwa cyane cyane nko kuri iri zina: SABUGABO! Ni ko yatuye yitwa cyangwa ni izina ryaje kumwitirirwa igihe kitazwi? Ntabwo mvuga impamvu mbitekereza ntyo kugira abashaka gusesengura batazayoba.

Ingoma y'ubwami y'Ababanda ni NYABAHINDA. Umuntu abitekerejeho, uretse ko bikomeye kubyumva, Nyabahinda yaba iva ku Nshinga GUHINDA. Ntabwo umuntu yamenya niba Ababanda bari bayisanganywe iwabo mu Bwanacyambwe cyangwa niba yararamvuwe bageze i Nduga.

Mureke tube tuvuye i Nduga twerekeza i Buriza mu Gihugu cy'ABONGERA.

Igihugu cy'u Buriza

Igihugu cy' u Buriza ni igihugu cy'Abongera. Mugerageze kubivuga ku buryo bunyuranye kugira ngo umuntu yumve icyo byaba bivuga.

Muri iki gihe Abongera ntibakivugwa. Bagiyeho he ? Cyangwa se INYITO yabo yaje guhinduka ukundi.

Hari abavugaga ko baba barabaye ABUNGURA ? Ni ukubitekerezaho kugira ngo umuntu agerageze kubyumva.

Umwami w' u Buriza wa nyuma ni Nkuba ya Nyabakonjo wo mu bwoko bw'Abongera.

Ingoma y'ubwami ni Kamuhagama. Umurwa mukuru ukaba GASABO.

Icyerekezo

Uburiza bwambukiranyije umugezi witwa Nyabugogo ukaba ukomoka mu gishanga cya Munyeri aho amazi akamutse muri Muhazi ahurira n'umugezi wa Mwange ukomoka Rwamuhuba mu mizi y'umusozozi wa Byumba.

Buriza ikaba ibumbye ibi bihugu : Bumbogo, Bwanacyambwe, Buriza, Rukiga irimo Busigi buzwi ku bavubyi b'aho ; umuvubyi w'ikirangirire akaba MInyaruko ya Nyamikenke.

Buriza iranakugendera igafata n'igice cy'u Rukaryi.

Ubu duhagaze mu Buriza, tuvuge ko turi i Gasabo hafi ya Ndanyoye. Duhaguruke rero tuve mu gihugu cy'u Buriza tugambiriye gutaha mu Mubari wa Kabeja, igihugu cy'Abazigaba.

Igihugu cy'u Mubari

Iyo uvuze Mubari wa Kabeja, uhita wumva igihugu cy'Abazigaba. Bakagira umwihariko mu kuba Abasangwabutaka kuko aribo bakiriye Ibimanuka mbere na mbere aho iwabo ubwo byamanukaga mu ijuru. Ni ho ijuru ryugururiwe maze Ibimanuka biti ba ! Byaguye ahantu hitwa Binaga, bugufi y'urutare rwitwa Ikinani ahaje kuremerwa igicaniro cy'inka ubwa mbere!

Abami b'u Mubari ntibyoroshye kubakurikiranya. Uw'ikubitiro ni Kabeja, undi uvugwa ni Biyoro n'umugabekazi Nyirabiyoro ukubitiyeho no kuba umupfumu. Mu bihe bya nyuma havugwa Cyubaka cya Nyabikezi wari utuye mu Mironko.

Ingoma y'ubwami bw'u Mubari ni Sera ndetse bukaba bwari bufite n'inyundo ikitwa Rushya.

Icyerekezo

Mubari yaba ihana imbi na Gisaka mu majyepfo, igakikira uruzi rw'Akagera n'urw'Umuvumba, ikaba yahana imbi na Ndorwa mu majyaruguru.

Nimucyo rero twinjire mu Gisaka, igihugu cy'Abagesera b'Abazirankende.

Igihugu cya Gisaka

Igihugu cya Gisaka ni igihugu cy'Abagesera b'Abazirankende. Iyo uvuze Abagesera b'Abazirankende ni ukuvuga ko hari abandi Bagesera. Abo nashoboye kumenya ni Abahanga n'Abashyushya. Aha rero nkaba nifuza kwunganirwa kugira ngo tube twamenya izindi Nzu z'Abagesera.

Ikindi umuntu yavuga ku Bagesera ni uko Padiri Muzungu yandika ko Igihugu cy'Abagesera cyabanje kuba icy'Abahinda bo kwa Ruhinda rwa Ndagara. Nyuma Ruhinda akaba ari we wahimitse ubwoko bw'Abagesera b'Abazirankende.

Iyo bavuze abami b' i Gisaka, uwa nyuma uzwi ni Kimenyi cya Bazimya ba Ruregeya Umuzirankende.

Kuvuga Umuzirankende ni uko abo Bagesera bafite imiziririzo ijyanye n'inkende. Bashobora kuba bazira kuyibona, kuyica se cyangwa kuyikora ndetse no kuba barya inyama yayo. Iyo ibyo bibaye hakaba hagomba kubaho imihango yo kuzirura.

Ingoma y'Ubwami y'Abagesera b'Abazirankende yitwa Rukurura.

Icyerekezo

Igihugu cy'Igisaka gihereye i Burasirazuba. Nk'uko twabibonye na cyo kigizwe n'ibihugu byibumbiye hambwe. Ari byo Gisaka nyirizina, na Ndorwa ; hakiyongeraho Bunyambo, Karagwe na Bujinja (Tanzaniya).

Ariko Gisaka nayo ikaba ibumye Mirenge, Gihunya na Migongo.

Tuve mu Gisaka, duhite mu Buriza twerekeza i Burengezuba kugira ngo dutahe i Bugara.

Igihugu cy'u Bugara

Igihugu cy'u Bugara ni igihugu cy'Abacyaba akaba ari bumwe mu moko y'Abanyarwanda nk'uko yizwe n'inzobere mu bumenyi bwa Muntu. Kubera rero ko bakomoka aho i Bugara hari abashobora kubita Abagara bakwumva ko bwaba ubwoko, gusa ni izina ry'igihugu cyabo kuko rero ari bene icyo gihugu, ari ba Nyirubugara byaje kubyara kwitwa Abagara. Kugira ngo byumvikane neza umuntu yakwumva ko n'Abanyarwanda ari ba Nyirurwanda kuko ni Imbata yabo.

Uwanyuma mu bami b'i Bugara ni Nzira ya Muramira i Bugara.

Icyerekezo

U Bugara ubusanga mu Murera mu nkengero za Burera na Ruhondo.

Igihugu cy'u Bugara cyibumbye ibihugu bitanu aribyo : Bukonya, Kibari, Buberuka, Bugarura, Bukamba, noneho kigakorakora no kuri Ndorwa n'u Murera mu Gahunga k'Abarashi.

Ndetse usanga n'u Bufumbira (Uganda) buri mu gihugu cy'u Bugara.

Kumenya igihe ibyo bihugu byabereyeho nk'uko B.Muzungu abivuga ntibyoroshye kuko ni ibya kera cyane.

Ikintu kibiranga ni ubukorikori bw'Ubukorabutare kuko byagaragaye ko Abarenge bari inzobere mu Ikoreshabutare.

Nyuma y'izo Ngoma z'Abazasangwabutaka zishingiye ku Moko, muri ibyo bihugu hadutse ingoma y'Abanyiginya na yo ishingiyeye ku Bwoko maze izo isanze irazirimbura kugeza ubwo iremye u Rwanda.

Twumve ko mu gihe cy'izo Ngoma zishingiye ku Moko, u Rwanda ntabwo rwari ruzwi kuko nta n'ubwo rwariho, hariho gusa ibyo bihugu nk'uko byavuzwe ; bikabana mu Mahoro.

Simvuga ko mvuye imuzingo kuko nisunze gusa ibyanditwse na padiri B.Muzungu.

Mwitegure rero tugiye kuzataha i Bunyiginya, noneho ariko tutavuga Gakondo kuko Abanyiginya ntibitwa Abakonde kuko ntaho bakonze hari mu Rwanda rw'ubu.

Byanditswe na Evariste Nsabimana

Hifasishijwe

1 Bernardin Muzungu, *Histoire du Rwanda pré-colonial*, Paris, L'Harmattan, 2003.

2 Alexis Kagame, *Les organisations socio-familiales de l'ancien Rwanda*, Bruxelles, Institut royal colonial belge, 1954.

3 *Les clans du Rwanda ancien. Eléments d'ethnosociologie et d'ethnohistoire* ; Musée de Tervuren, 1971. (Marcel d'Hertfelt).